-.K.H.-
RESIDENCE DU RUANDA.
TERRITOIRE D'ASTRIDA.-

Astrida, le 7 Mars 1956.-

N° 389

ASTRIDA
2513

IMPAMVU:
Abaka matoleo.

E? 121 j.

Ku Batware b'Intara Bose.

Ndakumenyesha ko abantu benshi bamaze imins baza kumbwira ko abakarani b'inkiko babima matoleo yabo bikabatera kutajulira igihe bakanga kubandikira imanza. Muzabwire ubwa nyuma abakarani bose b'inkiko na ba Juges ko uzongera kubigira azajya ahanwa .Uwo muzabimenyaho muzahereko mumuca igihano.

Pour l'Administrateur de Territoire, en route,
L'Administrateur Territorial Assistant,
A. GILLET.,

Astrida, le 27 février 1956

Urubanza rwa Shyirambere na Gatemanyi (kugabana inka).

Kuli Bwana mukuru Antonissen
Umutegetsi wa Territoire ya
A S T R I D A .

Nyakwubahwa,

Nkulikije inzandiko zacu za taliki 18 desembri 1955 na 2 yanwari 1956, nkulikije n'izanyu n° 29/A.I. rwa 6 yanwari 1956 na n° 117/A.I. rwa 16 yanwari 1956, nkulikije n'izindi ebyili twatunye ku rukiko rwa Nyaruguru zo kudusabira matoleo ngo tubone uko tujulira, ndakumenyesha yuko kugeza n'ubu iyo matoleo bayitwimye. Ndetse ngo urubanza rwacu babuze aho rwanditse. Ibyo tukibona yuko ali nko kuturangarana. Bikaba bigiye kudutesha igihe cyo kujulira. Twafunzwe kw'italiki ya 9 desembri 1955 Astrida. Icyo gihano turakirangiza, kandi turabikumenyesha mu rwandiko rwacu rwa taliki 2 yanwari 1956, dufunguwe. None kw'italiki ya 9 y'ukwezi kwa marsi 1956, hazaba hashize amezi atatu, tube tutakijuliye, kuko batwima matoleo. Ukamenya ngo barabigira nkana-nkana gushaka yuko dukererwa, tukazabura urubanza.

Naho kugira ngo urubanza rwacu ntirwanditswe, ali kimwe no kuvuga yuko urubanza rwacu rutabaye, bishoboka bite yuko twaba twarafunzwe ? Ubwo se baofuye gusa kudufunga, ali nta cyabaye cyanga cyanditswe ? Turabaza lero uko dushobora kubigenza kugira ngo duhagalike urubanza rwacu na Gatemanyi, n'ubulyo dushobora kulega cyanga kujulira tudafite matoleo, dore igihe kigiye kutulengana : nta ko tutagize kugira ngo tubone iyo matoleo ; ndetse na we turagushimira yuko wabitugiliye no.

Uko bili kose tubaye tukwiragije, kugira ngo ni dukererwa kulega, uzasangwe uzi icyabiteye. Cyanga se uduhe uruhusa rwo kulega tudafite matoleo, niba bishoboka, niba kandi ali nta kundi wabigenza ngo tubone matoleo igihe kitararenga. Naho kugira ngo urubanza rwacu ntirwanditswe, ibyo ntitwabyemera kandi twarafunzwe. Niba urubanza rwacu rutabaye, habaye ho igisa na rwo : turagishaka mu rwandiko ; niba na cyo kitabaye, turabaza icyo twafungiwe, n'ubulyo twaciliwe urubanza.

Tuguseseye ho tugutakira ngo uzatugaragaze ho ubutegetsi, nkuko uhora ubitugilira, kandi ngo udutabare vuba nk'uko tubigusabye tubabaye, kuko ali wowe jisho ly'igihugu cyacu cy'Astrida.

Ni jye umuyoboke wanyu :

SHYIRAMBERE

ku Rukara (Nyaruguru)

A S T R I D A .

Shyirambere